

<p>AMABWIRIZA N° 002/FIC/2021 YO KU WA 26/08/2021 YEREKEYE IMENYEKANISHA KU MUPAKA RY'AMAFARANGA CYANGWA INYANDIKO MVUNJWAFARANGA ZISHYURWA UZIFITE</p> <p style="text-align: center;"><b><u>ISHAKIRO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u></b> icyo aya mbwiriza agamije</p> <p><b><u>Ingingo ya 2:</u></b> Ibisobanuro by'amagambo</p> <p><b><u>Ingingo ya 3:</u></b> Inshingano yo kumenyekanisha n'uburyo bwo kumenyekanisha</p> <p><b><u>Ingingo ya 4:</u></b> Ingano y'amafaranga cyangwa agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga bimenyekanishwa</p> <p><b><u>Ingingo ya 5:</u></b> Gutangaza ingano y'amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite bimenyekanishwa</p> <p><b><u>Ingingo ya 6:</u></b> Imyaka y'umenyekanisha</p>	<p>REGULATIONS N° 002/FIC/2021 OF 26/08/2021 RELATING TO THE DECLARATION OF CROSS BORDER CASH OR BEARER NEGOTIABLE INSTRUMENTS</p> <p style="text-align: center;"><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p> <p><b><u>Article One:</u></b> Purpose of these Regulations</p> <p><b><u>Article 2:</u></b> Definitions</p> <p><b><u>Article 3:</u></b> Obligation to declare and modalities of declaration</p> <p><b><u>Article 4:</u></b> Declaration threshold of cash or of the bearer negotiable instruments</p> <p><b><u>Article 5:</u></b> Publication of the declaration threshold of cash or bearer negotiable instrument</p> <p><b><u>Article 6:</u></b> Age of the declarant</p>	<p>RÈGLEMENTS N° 002/FIC/2021 DU 26/08/2021 RELATIFS À LA DÉCLARATION D'ESPÈCES OU D'INSTRUMENTS NÉGOCIABLES AU PORTEUR TRANSFRONTALIERS</p> <p style="text-align: center;"><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p> <p><b><u>Article premier:</u></b> Objet des présents règlements</p> <p><b><u>Article 2:</u></b> Définitions</p> <p><b><u>Article 3:</u></b> Obligation de déclarer et modalités de déclaration</p> <p><b><u>Article 4:</u></b> Seuil d'espèces ou d'instruments négociables au porteur faisant l'objet de déclaration</p> <p><b><u>Article 5:</u></b> Publication du seuil des espèces ou de l'instrument négociable au porteur faisant l'objet de la déclaration</p> <p><b><u>Article 6:</u></b> Age du déclarant</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Igikorwa mu gihe habayeho imenyekanisha ritari ukuri cyangwa kudakora imenyekanisha</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Igikorwa mu gihe habayeho gukeka iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intwara za kimbuzi cyangwa ibyaha bifatanye isano na byo</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Gutanga raporo irambuye</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Action taken in case of false declaration or failure to declare</b></p> <p><b><u>Article 8:</u> Action taken in case of suspicion of money laundering, financing of terrorism or financing of proliferation of weapons of mass destruction or related offences</b></p> <p><b><u>Article 9:</u> Submission of the detailed report</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Repealing provision</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Commencement</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Mesures prises en cas de fausse déclaration ou de défaut de déclaration</b></p> <p><b><u>Article 8:</u> Mesures prises en cas de soupçon de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive ou d'infractions connexes</b></p> <p><b><u>Article 9:</u> Transmission du rapport détaillé</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Entrée en vigueur</b></p>
--	---	---

<p><b>AMABWIRIZA N° 002/FIC/2021 YO KU WA 26/08/2021 YEREKEYE IMENYEKANISHA KU MUPAKA RY'AMAFARANGA CYANGWA INYANDIKO MVUNJWAFARANGA ZISHYURWA UZIFITE</b></p> <p><b>Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari;</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kimbuzi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 18;</p> <p><b>ASHYZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mbwiriza agamije</b></p> <p>Aya mabwiriza akena:</p> <p>1° uburyo imenyekanisha ku mupaka ry'amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite rikorwa;</p>	<p><b>REGULATIONS N° 002/FIC/2021 OF 26/08/2021 RELATING TO THE DECLARATION OF CROSS BORDER CASH OR BEARER NEGOTIABLE INSTRUMENTS</b></p> <p><b>The Director General of Financial Intelligence Centre;</b></p> <p>Pursuant to Law n° 75/2019 of 29/01/2020 on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction as amended to date, especially in Article 18;</p> <p><b>ISSUES THE FOLLOWING REGULATIONS:</b></p> <p><b><u>Article One:</u> Purpose of these Regulations</b></p> <p>These Regulations determine:</p> <p>1° modalities for declaration of cross border cash or bearer negotiable instruments;</p>	<p><b>RÈGLEMENTS N° 002/FIC/2021 DU 26/08/2021 RELATIFS À LA DÉCLARATION D'ESPÈCES OU D'INSTRUMENTS NÉGOCIABLES AU PORTEUR TRANSFRONTALIERS</b></p> <p><b>Le Directeur Général du Centre de Renseignement Financier;</b></p> <p>Vu la Loi n° 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 18;</p> <p><b>ÉMET LES RÈGLEMENTS SUIVANTS:</b></p> <p><b><u>Article premier:</u> Objet des présents règlements</b></p> <p>Les présents règlements déterminent:</p> <p>1° les modalités de déclaration d'espèces ou des instruments négociables au porteur transfrontaliers;</p>
--	--	--

<p>2° umubare w’amafaranga cyangwa agaciro k’inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite, abatwara amafaranga batemerewe kwinjiza, kunyuzwa cyangwa gusohora mu ifasi ya Repubulika y’u Rwanda bitamenyekanishijwe ku mukozi w’urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>3° amakosa n’ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi bijyanye no kutubahiriza imenyekanisha ku mupaka ry’amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite birenze ikigero giteganywa muri aya mabwiriza.</p>	<p>2° an amount of cash or bearer negotiable instruments whose cash courriers are not permitted to cross the borders with, while leaving, entering or transiting in the territory of the Republic of Rwanda without prior declaration to a staff of the competent authority;</p> <p>3° administrative faults and sanctions for failure to comply with the declaration of cross border cash or bearer negotiable instruments of an amount above that of the threshold provided for in these Regulations.</p>	<p>2° un montant d’espèces ou les instruments négociables au porteur avec lesquels les passeurs de fonds ne sont pas autorisés de transporter avec eux en sortant, en entrant ou en transit sur le territoire de la République du Rwanda sans déclaration préalable à un agent de l’organe compétent;</p> <p>3° les fautes et les sanctions administratives pour violation de la déclaration d’espèces ou des titres négociables au porteur transfrontaliers d’un montant supérieur au seuil prévu dans les présents règlements.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by’amagambo</u></b></p> <p>Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° <b>abatwara amafaranga:</b> abantu batwara amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa bazifite mu mifuka yabo cyangwa mu mizigo yabo bava mu gihugu kimwe bajya mu kindi;</p> <p>2° <b>Urwego:</b> Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari;</p>	<p><b><u>Article 2: Definitions</u></b></p> <p>In these Regulations, the following terms have the following meanings:</p> <p>1° <b>cash courriers:</b> natural persons who physically transport cash or bearer negotiable instruments in their pockets or luggage from one country to another;</p> <p>2° <b>Centre:</b> Financial Intelligence Centre;</p>	<p><b><u>Article 2: Définitions</u></b></p> <p>Dans les présents règlements, les termes ci-après ont les significations suivantes:</p> <p>1° <b>passeurs de fonds:</b> les personnes physiques qui transportent physiquement les devises et les instruments négociables au porteur dans leurs poches ou dans leurs bagages d’un pays à un autre;</p> <p>2° <b>Centre:</b> Centre de Renseignement Financier;</p>

<p>3° <b>urwego rubifitiye ububasha:</b> urwego rukorerwa ku mupaka, ku kibuga cy'indege no ku cyambu harimo Ubuyobozi Bukuru bushinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda, Polisi y'Igihugu cyangwa Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro;</p> <p>4° <b>imenyekanisha ritari ukuri:</b> bivuga</p> <p>a. imenyekanisha ry'umubare w'amafaranga utari wo cyangwa agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite katari ko; cyangwa</p> <p>b. itangwa ry'andi makuru atari ukuri yasabwe mu gihe cyo gukora imenyekanisha cyangwa mu gihe yasabwe n'inzego zibifitiye ububasha; cyangwa</p> <p>c. kudakora imenyekanisha nk'uko bisabwa;</p> <p>5° <b>kwambukiranya imipaka:</b> kwinjiza cyangwa gusohora mu Gihugu amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite hifashishijwe bumwe mu buryo</p>	<p>3° <b>competent authority:</b> authority operating at the border, airport and port including Directorate General of Immigration and Emigration, Rwanda National Police or Rwanda Revenue Authority;</p> <p>4° <b>false declaration:</b> means</p> <p>a. misrepresentation of the amount of cash or value of bearer negotiable instruments being transported; or</p> <p>b. misrepresentation of other data requested during the declaration or otherwise requested by the competent authorities; or</p> <p>c. failure to declare as required;</p> <p>5° <b>physical cross-border transportation:</b> any in-bound or out-bound physical transportation of cash or bearer negotiable instruments from one country to another through</p>	<p>3° <b>autorité compétente:</b> l'autorité opérant à la frontière, à l'aéroport et au port, y compris la Direction Générale de l'Immigration et de l'Émigration, la Police Nationale du Rwanda ou l'Office Rwandais des Recettes;</p> <p>4° <b>fausse déclaration:</b> signifie</p> <p>a. une déclaration inexacte du montant d'espèces ou de la valeur des instruments négociables au porteur transportés; ou</p> <p>b. une déclaration inexacte concernant toute autre donnée qui est demandée lors de la déclaration ou qui est exigée de toute autre manière par les autorités compétentes; ou</p> <p>c. le manquement à l'obligation de faire la déclaration telle que requise;</p> <p>5° <b>transport physique transfrontalier:</b> toute entrée ou sortie physique d'espèces ou d'instruments négociables au porteur d'un pays à un autre via les modes de transport suivants:</p>
---	---	---

<p>bw'ubwikorezi bukorwa mu buryo bukurikira:</p> <p>a. ubwikorezi bukozwe n'umuntu ku giti cye, cyangwa mu biri mu mizigo cyangwa mu modoka bye;</p> <p>b. imizigo y'amafaranga cyangwa y'inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite biri muri kontineri;</p> <p>c. amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite biri mu mabaruruwa afitwe n'umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano yo kumenyekanisha n'uburyo bwo kumenyekanisha</b></p> <p>Umuntu winjiye, unyuze cyangwa usohotse mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda atwaye amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite birenze ikigero giteganyijwe muri aya mabwiriza abimenyekanisha ku rwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>the following modes of transportation:</p> <p>a. physical transportation by a natural person or in his or her luggage or vehicle;</p> <p>b. shipment of cash or bearer negotiable instruments through containerized cargo;</p> <p>c. the mailing of cash or bearer negotiable instruments by a natural or legal person.</p> <p><b><u>Article 3:</u> Obligation to declare and modalities of declaration</b></p> <p>A person entering, in transit or leaving the territory of the Republic of Rwanda transporting the cash or bearer negotiable instruments of which value exceeds the threshold prescribed in these Regulations declares it to the competent authority.</p>	<p>a. transport physique par une personne physique, ou dans ses bagages ou dans son véhicule;</p> <p>b. expédition d'espèces ou d'instruments négociables au porteur par fret en conteneur;</p> <p>c. expédition par courrier, par une personne physique ou morale, d'espèces ou d'instruments négociables au porteur.</p> <p><b><u>Article 3:</u> Obligation de déclarer et modalités de déclaration</b></p> <p>Une personne qui entre, transite ou sort du territoire de la République du Rwanda en transportant des espèces ou des instruments négociables au porteur dépassant le seuil prévu dans les présents règlements, en fait une déclaration à l'autorité compétente.</p>
---	--	--

<p>Imenyekanisha rikorwa mu nyandiko, hifashishijwe ikoranabuhanga cyangwa urupapuro rw'imenyekanisha ruboneka ku rwego rubifitiye ububasha rukorera ku mupaka, ku kibuga cy'indege cyangwa ku kindi cyambu cyose binjiriraho, banyuraho cyangwa basohokeraho.</p>	<p>The declaration is done in writing, electronically or using a declaration form available at the competent authority operating at the border, airport or any other port of entry, transit or exit.</p>	<p>La déclaration est faite par écrit, électroniquement ou en utilisant le formulaire disponible à l'autorité compétente au poste frontière, à l'aéroport ou dans tout autre port d'entrée, de transit ou de sortie.</p>
<p>Imenyekanisha risabwa ku bikorwa byose byo kwambukiranya imipaka.</p>	<p>The declaration is required for all activities of physical cross border transportations.</p>	<p>La déclaration est requise pour toutes les activités de transports physiques transfrontaliers.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 4:</u> Ingano y'amafaranga cyangwa agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga bimenyekanishwa</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Declaration threshold of cash or of the bearer negotiable instruments</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Seuil d'espèces ou d'instruments négociables au porteur faisant l'objet de déclaration</b></p>
<p>Umubare w'amafaranga cyangwa agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite umuntu yemerewe gutwara adakoze imenyekanisha mu gihe yinjiye, anyuze cyangwa asohotse mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda ntibirenga amadolari y'Amerika ibihumbi icumi (10.000 USD) cyangwa iyo ingano mu bundi bwoko bw'amafaranga.</p>	<p>The amount of cash or the value of the bearer negotiable instruments that a person is allowed to carry while entering, in transit or leaving the territory of the Republic of Rwanda without declaring it does not exceed ten thousand American Dollars (USD 10,000) or equivalent thereof in other currencies.</p>	<p>Le montant d'espèces ou la valeur d'instruments négociables au porteur qu'une personne est autorisée à transporter, en entrant, en transit ou en sortant le territoire de la République du Rwanda sans devoir faire la déclaration ne dépasse pas dix mille dollars américains (10.000 USD) ou son équivalent en d'autres monnaies.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Gutangaza ingano y'amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite bimenyekanishwa</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Publication of the declaration threshold of cash or bearer negotiable instrument</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Publication du seuil des espèces ou de l'instrument négociable au porteur faisant l'objet de la déclaration</b></p>
<p>Ingano y'amafaranga cyangwa agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa</p>	<p>The declaration threshold of cash or bearer negotiable instrument, is published at</p>	<p>Le seuil des espèces ou de l'instrument négociable au porteur faisant l'objet de la</p>

<p>uyifite bimenyekanishwa, bitangazwa ku mipaka y'Igihugu, ku byambu, ku bibuga by'indege n'ahandi hantu nyabagendwa hafasha kugera ku bo bireba vuba hifashishijwe uburyo butandukanye bw'itumanaho.</p> <p>Itangazwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda no mu zindi ndimi zemewe mu butegezi bwa Repubulika y'u Rwanda. Rishobora kandi gukorwa no mu zindi ndimi zikoreshwa cyane ku mupaka cyangwa ku cyambu runaka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Imyaka y'umenyekanisha</u></b></p> <p>Imenyekanisha rikorwa n'umuntu ufite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko. Rikorwa kandi n'umuntu uri muni y'imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko winjiye, unyuze cyangwa usohotse mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda iyo adaherekejwe n'umubyeyi cyangwa umurera.</p> <p>Amafaranga cyangwa agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite bitwawe n'umuntu uri muni y'imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko iyo aherekejwe n'umubyeyi cyangwa umurera, biteranywa n'amafaranga cyangwa n'agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite bitwawe n'umubyeyi cyangwa umurera kugira ngo</p>	<p>national borders, ports, airports and at any other place that may easily facilitate in conveying the message to the concerned persons using different channels of communication.</p> <p>The publication mentioned in Paragraph One of this Article is done in Kinyarwanda and other official languages of the Republic of Rwanda. It may also be done in any other language used frequently at such specific border or port.</p> <p><b><u>Article 6: Age of the declarant</u></b></p> <p>The declaration is done by a person aged at least eighteen (18) years. It is also done by a person under eighteen (18) years old entering, transiting or leaving the territory of the Republic of Rwanda when he or she is not accompanied by his or her parent or guardian.</p> <p>The amount of cash or the value of bearer negotiable instrument carried by a person under eighteen (18) years old, who is accompanied by his or her parent or guardian is added to the amount of cash or the value of bearer negotiable instrument carried by his or her parent or guardian in order to determine whether such amount or value does not</p>	<p>déclaration est publié aux frontières nationales, aux ports, aux aéroports et à d'autres endroits permettant au public d'accéder facilement à l'information en utilisant les différents moyens de communication.</p> <p>La publication visée à l'alinéa premier du présent article est faite en kinyarwanda et en d'autres langues officielles de la République du Rwanda. Elle peut également être faite en d'autres langues fréquemment utilisées à une frontière donnée ou à un port donné.</p> <p><b><u>Article 6: Age du déclarant</u></b></p> <p>La déclaration est faite par une personne âgée de dix-huit (18) ans au moins. Elle est également faite par une personne âgée de moins de dix-huit (18) ans lorsqu'elle entre, transite ou sort du territoire de la République du Rwanda lorsqu'elle n'est pas accompagnée par son parent ou son tuteur.</p> <p>Le montant d'espèces ou de la valeur de l'instrument négociable au porteur détenu par une personne âgée de moins de dix-huit (18) ans quand elle est accompagnée par son parent ou son tuteur, sont ajoutés au montant d'espèces ou à la valeur de l'instrument négociable au porteur détenu par son parent ou son tuteur pour déterminer si tel montant ou telle valeur ne</p>
--	---	--



<p>harebwe ko ayo mafaranga cyangwa ako gaciro bitarengeje ingano iteganywa muri aya mabwiriza.</p> <p>Mu gihe igiteranyo cy'amafaranga cyangwa icy'agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite by'umuntu uri muni y'imyaka cumi n'umunani (18) n'iby'umubyeyi cyangwa umurera birenga ingano y'amafaranga cyangwa iy'agaciro yemewe, umubyeyi cyangwa umurera amenyekanisha igiteranyo cy'ayo mafaranga cyangwa icy'ako gaciro hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Igikorwa mu gihe habayeho imenyekanisha ritari ukuri kudakora imenyekanisha</u></b></p> <p>Umugenzi ukoze imenyekanisha ritari ukuri cyangwa udakoze imenyekanisha, aba akoze ikosa. Muri icyo gihe, umukozi w'urwego rubifitiye ububasha:</p> <p>1° ahagarika cyangwa agafata amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite mu gihe kitarenze amasaha abiri (2) kugira ngo hafatwe ikindi cyemezo;</p>	<p>exceed the threshold provided by these Regulations.</p> <p>In case the total amount of cash or value of bearer negotiable instrument of the person under eighteen (18) years old and his or her parent or guardian exceeds the threshold, the parent or guardian declares that total amount or value in accordance with the provisions of these Regulations.</p> <p><b><u>Article 7: Action taken in case of false declaration or failure to declare</u></b></p> <p>A traveller who makes false declaration or fails to declare, commits a fault. In that case, the staff of the competent authority:</p> <p>1° stops or restrains the cash or bearer negotiable instrument for a period not exceeding two (2) hours for further action;</p>	<p>dépasse pas le seuil prévu par les présents règlements.</p> <p>Au cas où le total du montant d'espèces ou de la valeur de l'instrument négociable au porteur de la personne âgée de moins de dix-huit (18) ans et de celui de son parent ou de son tuteur dépasse le seuil, le parent ou le tuteur déclare le total du montant ou de la valeur conformément aux dispositions des présents règlements.</p> <p><b><u>Article 7: Mesures prises en cas de fausse déclaration ou de défaut de déclaration</u></b></p> <p>Un voyageur qui fait une fausse déclaration ou qui omet de déclarer, commet une faute. Dans ce cas, l'agent de l'organe compétent:</p> <p>1° arrête ou retient les espèces ou l'instrument négociable au porteur pendant une période ne dépassant pas deux (2) heures en vue d'une action ultérieure;</p>
--	---	---

<p>2° asaba amakuru uwari utwaye ayo mafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite ku bijyanye n'inkomoko yabyo n'icyo byari bigiye gukoreshwa;</p> <p>3° ahita aca uwakoze imenyekanisha ritari ukuri ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na gatanu ku ijana (5%) y'amafaranga cyangwa y'agaciro k'inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite yagendanye, bitabangamiye n'ibihano mpanabyaha. Iyo hazabu ishyirwa mu isanduku ya Leta.</p> <p>Urwego rubifitiye ububasha rumenyeshya Urwego ibyabaye bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo n'icyemezo cyafashwe mu gihe kitarenze iminota mirongo itatu (30).</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Igikorwa mu gihe habayeho gukeka iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intworo za kirimbuzi cyangwa ibyaha bifitanye isano na byo</u></b></p> <p>Iyo hari ikekwa ry'icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi n'ibyaha bifitanye isano na byo, umukozi w'urwego rubifitiye ububasha:</p>	<p>2° requests information from the carrier with regard to the origin of the cash or bearer negotiable instrument and their intended use;</p> <p>3° imposes to the defaulter an administrative fine of five percent (5%) of the transported cash or the value of the bearer negotiable instrument immediately, without prejudice to criminal sanctions. That fine is deposited to the public treasury.</p> <p>The competent authority informs the Centre of the incident referred to in Paragraph One of this Article and the decision taken within thirty (30) minutes.</p> <p><b><u>Article 8: Action taken in case of suspicion of money laundering, financing of terrorism or financing of proliferation of weapons of mass destruction or related offences</u></b></p> <p>In case there is suspicion of money laundering, financing terrorism or financing of proliferation of weapons of mass destruction or related offences, the staff of the competent authority:</p>	<p>2° demande le transporteur des espèces ou de l'instrument négociable au porteur des informations concernant leur origine et leur destination;</p> <p>3° inflige immédiatement au défaillant une amende administrative de cinq pour cent (5%) des espèces ou de la valeur de l'instrument négociable au porteur transportés, sans préjudice des sanctions pénales. Cette amende est déposée au trésor public.</p> <p>L'autorité compétente informe le Centre l'incident visé à l'alinéa premier du présent article et la décision prise endéans trente (30) minutes.</p> <p><b><u>Article 8: Mesures prises en cas de soupçon de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive ou d'infractions connexes</u></b></p> <p>En cas de soupçon de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive ou d'infractions connexes, l'agent de l'organe compétent:</p>
--	--	--

<p>1° ahagarika cyangwa agafata amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite, akamenyesha Urwego iryo cyekwa ryabaye mu kwambukiranya imipaka, mu gihe kitarenze iminota mirongo itatu (30);</p> <p>2° asaba amakuru uwari utwaye ayo mafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite ku bijyanye n'inkomoko yabyo n'icyo byari bigiye gukoreshwa;</p> <p>3° ashikiranira dosiye urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano mu gihe kitarenze amasaha atatu (3) iyo hari impamvu zikomeye zituma hakekwa iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intwaro za kirimbuzi cyangwa ibindi byaha bifitanye isano na byo.</p> <p>Iyo umukozi w'urwego rubifitiye ububasha abonye nta mpamvu zifatika zituma akeka iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intwaro za kirimbuzi cyangwa ibindi byaha bifitanye isano na byo, asubiza amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga yishyurwa uyifite uwari ubitwaye.</p>	<p>1° stops or restrains the cash or bearer negotiable instrument, and informs the Centre that suspicious cross border transportation incident within thirty (30) minutes;</p> <p>2° requests information from the carrier with regard to the origin of the cash or bearer negotiable instrument and their intended use;</p> <p>3° submits the case to the organ in charge of investigation within three (3) hours if there are serious grounds of suspecting of money laundering, financing terrorism or financing proliferation of weapons of mass destruction or related offences.</p> <p>If a staff of the competent authority finds that there are no reasonable grounds of suspecting money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction or related offences, he or she returns back the cash or bearer negotiable instrument to the carrier.</p>	<p>1° arrête ou retient les espèces ou l'instrument négociable au porteur, et en informe le Centre cet incident de transport transfrontalier suspect endéans trente (30) minutes;</p> <p>2° demande le transporteur des espèces ou de l'instrument négociable au porteur des informations concernant leur origine et leur destination;</p> <p>3° soumet l'affaire à l'organe en charge d'investigation dans un délai de trois (3) heures s'il existe des motifs sérieux de soupçonner le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive ou des infractions connexes.</p> <p>Lorsqu'un agent de l'organe compétent trouve qu'il n'y a pas de motifs valables de soupçonner le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive ou d'infractions connexes, il restitue les espèces ou l'instrument négociable au porteur au transporteur.</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 9: Gutanga raporo irambuye</u></b></p> <p>Urwego rubifitiye ububasha rwoherereza Urwego amamenyekanisha yose yakozwe n'abagenzi na raporo irambuye ku byerekeranye n'ibivugwa mu ngingo ya 7 n'ya 8 z'aya mabwiriza, mu minsi itarenze ibiri (2) mu buryo bwose bw'itumanaho bwemewe n'amategeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza</u></b></p> <p>Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu yatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 9: Submission of the detailed report</u></b></p> <p>The competent authority submits all declarations made by travellers and the detailed report relating to the provisions of Articles 7 and 8 of these Regulations, to the Centre within two (2) days by any lawful way of communication.</p> <p><b><u>Article 10: Repealing provision</u></b></p> <p>All prior regulatory provisions contrary to these Regulations are repealed.</p> <p><b><u>Article 11: Commencement</u></b></p> <p>These Regulations come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 9: Transmission du rapport détaillé</u></b></p> <p>L'autorité compétente transmet au Centre toutes les déclarations faites par les voyageurs et le rapport détaillé relatif aux dispositions des articles 7 et 8 des présents règlements, endéans deux (2) jours par tout moyen de communication légale.</p> <p><b><u>Article 10: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires aux présents règlements sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 11: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Les présents règlements entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	---

Kigali, 26/08/2021

(sé)

**GASHUMBA Jeanne Pauline**

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari  
Director General of Financial Intelligence Centre  
Directrice Générale du Centre de Renseignement Financier

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux